



CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 789 55 08 48

E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

## GAHUNDA YA LITURUJIYA UMWAKA WA 2025 -2026



## UMWAKA WA LITURUJIYA A

IKORESHA NA DIYOSEZI GATOLIKA ZO MU  
RWANDA



## **IMINSI N'IBYUMWERU BYIHARIYE**

- 30/11/2025:** Umunsi wo gusaba amahoro mu karere k'ibiyaga bigari.  
**6/12/2025 :** Gusoba Yubile y 'impurirane ya 2025 i Kigali  
**28/12/2025 :** Umunsi mukuru w'Umuryango ku rwego rw'igihugu  
**1/1/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'amahoro  
**4/1/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'iyogezabutumwa ry'abana - Ituro rya OPM  
**18-25/1/2026 :** Icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'abemera Kristu  
**25/1/2026:** Icyumweru cy'Ijambo ry'Imana  
**2/2/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'Abiyeguriyimana  
**9-15/2/2026:** Icyumweru cyahariwe Umuryango ku rwego rw'igihugu  
**8/2/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'abarwayi  
**15/2/2026 :** Ituro rya Komiziyo y'umuryango  
**3/04/2026 :** Uwa Gatanu mutagatifu - Ituro ryagenewe ubutaka butagatifu  
**12/4/2026:** Icyumweru cy'impuhwe z'Imana  
**26/4/2026:** Umunsi mpuzamahanga wo gusabira Ihamagarirwabutumwa - Ituro rya OPM  
**2/5/2026:** Umunsi wo kwibuka no gusabira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.  
**10/5/2026:** Icyumweru cyo gusoma Bibiliya-ituro rigenewe BSR  
**24/5/2026:** Umunsi w'umukateshisiti ku rwego rw'igihugu  
**14/06/2026:** Umunsi w'Abalayiki - Ituro rigenewe CEAL  
**28/6/2026 :** Abatagatifu Petero na Pawulo, Intumwa - Ituro rya Mutagatifu Petero  
**26/7/2026:** Umunsi mpuzamahanga wa ba Sogokuru na Nyogokuru n'abageze mu za bukuru.  
**13/09/2026 :** Ituro ryo gushyigikira ibitangamakuru Gatolika  
**27/9/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'abimukira n'impunzi  
**18/10/2026:** Umunsi mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa - Ituro rya OPM  
**27/10/2026:** U Rwanda rururwa Kristu Umwami bikozwe n'Umwami Mutara III Rudahigwa.  
**1/11/2026:** Umunsi w'Abatagatifu bose  
**7/11/2026 :** Umunsi mpuzamahanga w'umwanditsi w'umunyafurika  
**15/11/2026:** Umunsi Mpuzamahanga w'abakene  
**22/11/2026:** Kristu, Umwami w'ibiremwa byose: Umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko – Ituro rigenewe urubyiruko

## I. IJAMBO RY'IBANZE

Konsili ya Vatikani ya 2 isaba ko liturujiya yitonderwa ku buryo bwihariye. « Ni yo mpamvu muri liturujiya abashumba batagomba kugenzura gusa uko amategeko akena uko imihango iyi n'iyi ikorwa yubahirizwa, ahubwo bagomba no kureba niba n'abakristu bayigiramo uruhare, kandi bumva neza icyo bakora. »<sup>1</sup>

«Umubyeyi wacu, Kiliziya Ntagatifu, asanga agomba guhimbaza umurimo w'umukiro akesha umukwe we, mu mihango mitagatifu, ku minsi izwi, mu mwaka wose. Buri cyumweru, ku munsu Kiliziya yise « umunsi w'Imana », ihimbaza izuka rya Nyagasani, umunsi yizihiza incuro imwe mu mwaka kimwe n'ububabare bwe, ku munsu mukuru ukomeye wa Pasika »<sup>2</sup>

Muri Liturujiya ya Kiliziya, Ukaristiya ikwiye kwitabwaho by'umwihariko kuko ari igikorwa cya Kristu ubwe, wifashisha umupadiri kugira ngo umuryango we uronke umukiro.

« Ariko nk'uko uguhimbaza Ukaristiya kimwe na Liturujiya yose bidatana n'ibimenyetso byongera ukwemera, bikagukomeza kandi bikanakugaragaza, ni ngombwa guhugukira cyane gutoranya no gutondekanya neza cyane uburyo n'ibintu Kiliziya yagennye. Hakurikijwe imimerere y'abantu n'ahantu, ibi bishobora gufasha buri wese kurushaho kugira uruhare rushishikaye kandi rwuzuye, mu buryo bujyanye

---

<sup>1</sup> Constitution Sacrosanctum Concilium, n. 11

<sup>2</sup> Constitution Sacrosanctum Concilium, n. 102

neza n'ibyo abakristu bose bakeneye mu buzima bwabo bwa roho. »<sup>3</sup>

Umwaka wa liturujiya tuwugabanyamo ibice bibiri bidatana: *ibihe bwite by'umwaka wa Kiliziya n'ibihe bigenewe abatagatifu.*

Gahunda ya liturujiya y'uyu mwaka, turasangamo amavugururwa yakozwe ku bahowe Imana n'indangaminsi y'abatagatifu, amavugururwa yifujwe na Papa Yohani Pawulo wa II.

Muri iyi gahunda ya liturujiya, hagaragaramo amasomo yo muri Bibiliya ari mu gitabo cy'amasomo ya Misa. « Mu gitabo cy'amasomo yo mu mibyizi, buri mubyizi uteganyirijwe amasomo yawo mu gihe cy'umwaka wose: ku bw'ibyo, ayo masomo ni yo azajya yifashishwa kenshi mu minsi yateganyirijwe, **keretse kuri uwo munsu habaye umunsu mukuru ukomeye cyangwa umunsu mukuru usanzwe.** »<sup>4</sup>

Muri ibi bihe, igice cya liturujiya y'ijambo ry'Imana gikunze guhura n'ibibazo: mu makoraniro, akenshi basimbuza *Zaburi* indirimbo koko nziza ariko nyamara zitajyanye n'igitekerezo remezo cy'uwo munsu!

Ni byiza kumva akamaro ko *kuzirikana Zaburi* iba yateganyijwe muri liturujiya yacu.

---

<sup>3</sup>Amabwiriza rusange y'Igitabo cya Misa ya Roma, n.5

<sup>4</sup> PGMR, n. 319

## II. IBYO DUKWIYE KUMENYA

### A. GAHUNDA YA ROMA NA GAHUNDA YIHARIYE

Iyi gahunda yateguwe kandi yandikwa hagendewe ku gitabo cya Roma cyitwa « *Ordo missae celebrandae et divini officii persolvendi*, pro Anno liturgico 2024-2025. Librairie vaticane, 2023 ».

Igenewe za Diyosezi zo mu Rwanda. Ihera kuri gahunda ya Roma igenewe isi yose, ikagenda yinjizamo bimwe mu bihe bya liturujija byemejwe n’Inama y’Abepiskopi gatolika bo mu Rwanda, ariko ntishyiramo iminsi yihariye ya diyosezi, iya Paruwasi cyangwa y’imiryango y’abiyeguriyimana

Iyo ni:

a) Ku rwego rwa diyosezi :

- Umutagatifu murinzi mukuru wa diyosezi, mu gihe ahari (Umunsi mukuru usanzwe, Imana nisingizwe mu ijuru)
- Isabukuru ngarukamwaka yo guhabwa umugisha kwa katedrali niba byarabayeho (Umunsi mukuru usanzwe, Imana nisingizwe mu ijuru)
- Isabukuru ngarukamwaka yo kwimikwa k’umwepiskopi cyangwa guhabwa ubushumba (Isengesho ry’intangiriro-Isengesho ry’ikoraniro-Niba liturujija yabiteganyije).

b) Ku rwego rwa Paruwasi :

Isabukuru ngarukamwaka y’umunsi kiliziya yahereweho umugisha niba byarabayeho (Umunsi mukuru ukomeye, amasengesho ya mbere yo ku mugoroba, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera).

Byaba byiza ko abantu bose bafite iminsi nk'iyi ivuzwe haruguru bahita babyandika muri aka gatabo bakimara kukabona.

## **B. AMASENGESHO RUSANGE KU MINSI Y'IYEGURIRWAMANA RYA KILIZIYA NA LITURUJIYA Y'AMASENGESHO AHEREKEZA UMUNSI**

Igitabo « Amasengesho aherekeza umunsi » gitanga, ku babishaka, ibisobanuro byose bikenewe. Ni yo mpamvu bitazatangwa muri iyi Gahunda ya Litirujiya, keretse ahantu bigaragara ko hateza urujijo cyangwa se ahagomba kwitonderwa.

## **C. GUHUZA MISA N'AMASENGESHO**

Ishyirwaho rusange rya liturujiya y'amasengesho aherekeza umunsi (ku wa 02 gashyantare 1972) ritanga amabwiriza akurikira agomba gukurikizwa. Guhuza misa na liturujiya y'amasengesho birashoboka.

### **a) *Amasengesho ya mu gitondo na Misa (n° 94)***

Iyo abahimbaza misa ari nabo bahimbaza amasengesho ya mu gitondo, **ahita akurikirwa na Misa:**

1) Litirujiya ishobora gutangirira:

- Ku nteruro y'intangiriro n'indirimo y'amasengesho ya mu gitondo (ubu buryo ni bwo bugenwe ku minsi isanzwe),
- Cyangwa se ku ndirimbo y'intangiriro ijyanye n'umutambagiro, ikurikiwe n'indamutso y'umuyobozi wa misa (ubu buryo ni bwo bugenwe ku minsi mikuru isanzwe).

Muri ibi bihe byombi, **imihango itangira misa ikurwaho.**

2) Hakurikiraho zaburi, **hirengagijwe umuhango wo kwicuza ibyaha, yewe na Tubabarire iyo bibaye ngombwa,** havugwa Imana nisingizwe mu Ijuru iyo iteganyijwe maze umuyobozi akavuga isengesho ry'ikoraniro rya misa.

3) Hanyuma liturujiya y'Ijambo ry'Imana igakorwa uko bisanzwe.

4) Amasengesho rusange avugirwa igihe gisanzwe kandi hakoreshwa ayihariye y'iyi Misa nyine. Cyakora ku minsi isanzwe, mu misa ya mu gitondo, hashobora kuvugwa amasengesho ya mu gitondo mu mwanya w'amasengesho rusange asanzwe ateganyijwe ya misa.

5) Nyuma y'isangira, n'umutambagiro ujyana na ryo, haririmba “ Indirimbo ya Zakariya ” n'ibango-ndirimbo ry'amasengesho ya mu gitondo ; hanyuma uyoboye Misa akavuga isengesho ry'umwanzuro.

Gusozza misa bikorwa uko bisanzwe.

### ***b) Amasengesho yo ku manywa na Misa (n° 95)***

Bikorwa kimwe, ariko indirimbo y'intangiriro ikaba iyo mu masengesho y'iyi saha.

### ***c) Amasengesho ya nimugoroba na Misa (n° 96)***

Amasengesho ya nimugoroba ahuzwa na misa mu buryo bumwe n'amasengesho ya mu gitondo. Ariko, amasengesho ya nimugoroba abanziriza iminsi mikuru ikomeye, ibyumweru

cyangwa iminsi mikuru ya Nyagasani ihuye n'icyumweru, avugwa gusa harangiye Misa ijyanye n'umunsi ubanza cyangwa yo ku wa gatandatu.

***d) Iyo misa ikurikiwe n'amasengesho yo ku manywa cyangwa ya nimugoroba (n° 97)***

1) Misa isomwa nk'uko bisanzwe kugeza ku isengesho rya nyuma yo guhazwa.

2) Hakurikiraho Zaburi.

3) Hanyuma :

- Ku masengesho yo ku manywa, bareka isomo rigufi, bagahita bavuga isengesho ry'umwanzuro.
- Ku masengesho ya nimugoroba, bareka isomo rigufi bagahita batangira « Igisingizo cya Bikira Mariya »

N'inyikirizo yacyo ; bareka ibisabisho na Dawe uri mu ijuru bagahita bavuga isengesho ry'umwanzuro ry'amasengesho ya nimugoroba.

4) Umuhango uteganyijwe usozwa misa.

***e) Amasengesho yo kuzirikana amasomo na Misa***

Uretse mu ijoro rya Noheli, guhuza Misa n'amasengesho yo kuzirikana amasomo ubusanzwe bigomba kwirindwa, kuko Misa ifite amasengesho yayo yihariye atandukanye n'ariya yo kuzirikana amasomo.

Iyo, mu gihe kidasanzwe, bibaye ngombwa ko bihuzwa, isomo rya kabiri rikimara kwakirwa, Misa itangirira kuri Imana nisingizwe mu ijuru, niba iteganyijwe, bitaba ibyo igatangirira ku isengesho ry'umwanzuro.

	1 (1)	2 (2)	3 (3)	4 (4)	5 (5)	6 (6)	7 (7)
Uwa gatanu mutagatifu	-						
A. Uwa kane mutagatifu, igitaramo cya Pasika, Ibyumweru byihariye (Adiventi, igisibo, Ibihe bya Pasika), iminsi mikuru ikomeye itegetswe:	X						
B. Uwa gatatu w'ivu, uwa mbere, uwa kabiri, uwa gatatu mutagatifu, 2 ugushyingo, iminsi umunani y'ibirori bya Pasika:	X				X		
C. Ibindi byumweru:	X	X	X		X		
D. Iminsi mikuru isanzwe:	X	X	X		X		
E. Imibyizi yihariye (kuva ku wa 17 kugeza ku wa 24 ukuboza, Iminsi umunani ikurikira Noheli, Igisibo):	X	X	X		X		
F. Iminsi mikuru y'abatagatifu itegetswe	X	X	X	X	X	X	
G. Imibyizi idasanzwe (kuva kuri Adiventi kugeza kuri 16 Ukuboza, Noheli nyuma y'itariki	X	X	X	X	X	X	

ya 2 Mutarama, Ibihe bya pasika)							
H. Iminsi mikuru y'abatagatifu yibukwa ku bushake, Imibyizi Ibihe bisanzwe	X	X	X	X	X	X	X

- (1) Misa y'umunsi iteganywa n'igitabo cya Misa
- (2) Misa itangirwamo amasakramentu : Batisimu, Ugukomezwa, Ubusaserdoti, Ugushyingirwa (isabukuru, yubile, ...)
- (3) Misa yo gusaba ibintu bitandukanye (Icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'abakristu, Iyogezabutumwa ...) yategetswe cyangwa yatangiwe uruhushya n'umwepiskopi. Niba igisabwa gikenewe cyane, umwepiskopi ashobora no kuyemera ku minsi B.
- (4) Misa z'ubuyoboze, abakristu ubwabo bihitiyemo, niba hari ikintu gituma misa igomba kubaho, bisabwe na padiri mukuru cyangwa usoma misa. Iyo hari impamvu ikomeye, umwepiskopi ashobora gutegeka cyangwa kwemera ko zibaho muri B, C cg E.
- (5) Misa zo gushyingura.
- (6) Bikimenyekana ko umuntu yapfuye, gusezera bwa nyuma ku wapfuye, kwibuka bwa mbere uwapfuye.
- (7) Misa zisomwa buri munsi zo gushyingura abapfuye.  
*Ku minsi mikuru y'abatagatifu yibukwa ku bushake, ushobora kuvuga isengesho iryo ari ryo ryose kubera impamvu zinyuranye uretse mu misa z'imihango iyi n'iyi ya Kiliziya (334).*

## V. IMIHANGO Y'UBWIGISHWA

Dushingiye ku muhango wo kwinjiza abakuru mu bukristu washyizweho umukono ku wa 6 mutarama 1972 na papa Pawulo wa 6, inyandiko zawo zikaba zarahinduwe by'agateganyo kandi zigatangerizwa i Butare ku wa 1 nzeri 1973, turagira ibyo twibutsa hano ku bijyanye n'imihango itandukanye ikorerwa ku mwigishwa witegura Batisimu uko iteganywa n'igitabo gishya cy'imihango y'amasakaramentu y'ibanze n'imitunganyirize y'ubwigishwa bw'abantu bakuru mu Rwanda :

- Mu ntangiriro z'umwaka w'ubwigishwa (rwagati mu kwezi kwa cyenda), hakorwa imihango yinjiza mu bwigishwa. Indi mihango iteganyijwe mbere y'itorwa ikorwa mu bihe bigenwa n'igitabo cy'imitunganyirize y'ubwigishwa bw'abantu bakuru mu Rwanda.
- Ku cyumweru cya mbere cy'igisibo, habaho gushyira abigishwa mu cyiciro cy'abatowe cyangwa ugutorwa.
- Ku cyumweru cya gatatu, icya kane n'icya gatanu cy'igisibo, habaho isengesho rihoraho ryo gusabira abatowe.
- Pasika ni igihe gikwiye cyo gutanga amasakaramentu atatu y'ibanze ku mukristu, uretse ko iryo gukomezwa rishobora gutangwa ku wundi munsu ku mpamvu z'ikenurabushyo.
- Ni byiza ko iyo mihango yose ikorerwa imbere y'ikoraniro cyangwa nibura hari bamwe mu barigize.

**Umuhango winjiza mu bwigishwa n'imihango y'ubucengezangabire by'umwihariko ikorwa mu misa yo ku cyumweru mu gihe cy'igisibo.**

## VI. PENETENSIYA

4. « Abashumba ba roho bagomba gufasha abana bemerewe kudasiba no kwigomwa bitewe n’imyaka yabo kwiyumvisha neza icyo penetensiya ari cyo»<sup>5</sup>.

5. Papa Pawulo wa 6 yasabye inama y’abepiskopi ya buri gihugu kugena uko abakristu bo mu gihugu cyabo bakubahiriza itegeko ry’Imana rirebana na penetensiya ku buryo bujyanye n’umuco wabo. Ni muri urwo rwego, mu mwaka w’1969 abepiskopi bo mu Rwanda n’ab’i Burundi bashyizeho aya mabwiriza <sup>6</sup> :

A. Abakristu bose, hatitawe ku myaka bafite cyangwa uko babayeho mu miryango yabo, bagomba kumenya ko ku bwa Batisimu bahawe n’Ivanjili bakiriye, *Imana ibategeka kwicuza ku buryo ubu n’ubu*. Ibyo bivuze ko umukristu agomba kwitandukanya n’icyaha, kurwanya ingeso mbi zimurimo no kugarukira Imana uko bwije n’uko bukeye. Ariko uko kwicuza ibyaha ko ku mutima kugomba kugaragarira no mu bikorwa.

B. Iminsi yihariye ya penetensiya ni igihe cy’igisibo n’umunsi wo ku wa gatanu. Kuri iyo minsi, abakristu bagomba kugira icyo bakora kijyanye na penetensiya, barebeye ku ngero zatanzwe haruguru. Ibyo bishobora gukorerwa mu rugo cyangwa mu muryango.

C. Ni itegeko rikomeye: Ni ukuvuga ko ari ikintu gifite agaciro kanini imbere y’Imana, kuri buri mukristu no ku ikoraniro ry’abemera Kristu bose. Uwasuzuguraga iryo tegeko ritagatifu rya penetensiya ntaryubahirize yumvaga atabanye n’Imana mu mahoro.

---

<sup>5</sup> Ni kimwe

<sup>6</sup>Urwandiko mbonezabutumwa rw’Abepiskopi bo mu Rwanda n’abo mu Burundi rwo ku wa 24 mutarama 1969.

**D.** Mu gihugu cyacu, ugusiba bitegetswe gusa (ku bagatolika bafite ubuzima bwiza kandi bafite imyaka iri hagati ya 18 na 60) ku wa gatatu w'ivu no ku wa gatanu mutagatifu. Kuri iyo minsi, buri mukristu asabwe kutarya inyama, no kutanywa ikinyobwa icyo ari cyo cyose gisindisha.

### **E. Bimwe mu bikorwa bigaragara:**

#### **a) Ibikorwa by'urukundo bidasaba ikiguzi.**

- Gusura abarwayi, abageze mu zabukuru n'abandi;
- Kubajyana kwa muganga ku buntu no ku kiliziya (kugira ngo bahabwe amasakramentu);
- Kuzigama amafaranga yo gufashisha abatishoboye no gutanga ituro;
- Gufasha umuntu ugeze mu zabukuru kubona aho atura no kumuhingira...

#### **b) Kwitoza gusenga :**

- Kujya mu Misa ku cyumweru
- Guhabwa Isakramentu rya Penetensiya
- Isengesho rya nimugoroba mu rugo
- kubahiriza ibyategetswe na Kiliziya (cyane cyane mu gisibo)
- Gukora andi masengesho: inzira y'umusaraba, ishapule, ibisingizo...

#### **c) Kwigomwa ku mubiri:**

\* ku bantu bakuze :

- Kwigomwa ku bushake kutanywa ikinyobwa icyo ari cyo cyose gisindisha, kunywa itabi no kurya inyama (niba umuntu yabifataga kenshi).
- Kwirinda kwishimisha

\* ku bana:

- Kwirinda umurumba, kurya za bombo, n'ibindi.

- \* kuri bose: - kurwanya ubunebwe (nko kugundira uburingiti mu gitondo), no gukererwa ku kazi. Kurangwa n’umurimo unoze kandi ukozwe vuba.
  - Gushyira ibintu ku murongo no kugira isuku mu rugo n’ahahakikije.
- (Ibaruwa y’abepiskopi bo mu Rwanda n’ab’i Burundi yo ku wa 24 mutarama 1969)*

## **IMPINE ZAKORESHEJWE**

### **A. IBYANDITSWE BITAGATIFU**

- 1 Bami: Igitabo cya mbere cy’Abami
- 1 Kor: Ibaruwa ya mbere Mutagatifu  
Pawulo Intumwa yandikiye Abanyakorinti,
- 1 Mak: Igitabo cya mbere cy’Abamakabe
- 1 Matek: Igitabo cya mbere cy’Amateka
- 1 Pet: Ibaruwa ya 1 ya Mutagatifu Petero,
- 1 Sam: Igitabo cya mbere cya Samweli
- 1 Tes : Ibaruwa ya mbere Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Abanyatesaloniki,
- 1 Tim: Ibaruwa ya mbere Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Timote
- 1 Yh: Ibaruwa ya mbere ya Mutagatifu Yohani
- 2 Bami: Igitabo cya kabiri cy’Abami
- 2 Kor: Ibaruwa ya kabiri Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Abanyakorinti
- 2 Matek: Igitabo cya kabiri cy’Amateka
- 2 Mak: Igitabo cya kabiri cy’Abamakabe
- 2 Pet: Ibaruwa ya kabiri ya Mutagatifu Petero
- 2 Sam: Igitabo cya kabiri cya Samweli

2 Tes: Ibaruwa ya kabiri Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Abanyatesaloniki

2 Tim: Ibaruwa ya kabiri Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Timote,

2 Yh: Ibaruwa ya kabiri ya Mutagatifu Yohani

3 Yh: Ibaruwa ya gatatu ya Mutagatifu Yohani

Abac: Igitabo cy'Abacamanza

Am: Igitabo cy'Umuhanuzi Amosi

Amag: Igitabo cy'Amaganya

Bar: Igitabo cy'Umuhanuzi Baruki

Buh: Igitabo cy'Ubuganga

Dan: Igitabo cy'Umuhanuzi Daniyeli

Ef : Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye  
Abanyefezi

Est : Igitabo cya Esitera

Ezk : Igitabo cy'Umuhanuzi Ezekiyeli

Ezr : Igitabo cya Ezira

Fil : Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye  
Abanyafilipi

Filem: Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Filemoni

Gal: Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Abanyagalati

Hab: Igitabo cy'Umuhanuzi Habakuki

Hag: Igitabo cy'Umuhanuzi Hagayi

Heb: Ibaruwa yandikiwe Abahebureyi

Hish: Igitabo cy'Ibyahishuwe

Hoz: Igitabo cy'Umuhanuzi Hozeya

Ibar: Igitabo cy'Ibarura

Imig: Igitabo cy'Imigani

Ind: Igitabo cy'Indirimbo ihebuje

Intg: Igitabo cy'Intangiriro

Intu: Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa  
Ivug: Igitabo cy'Ivugururamategeko  
Iyim: Igitabo cy'Iyimukamisiri  
Iz: Igitabo cy'Umuhanuzi Izayi  
Yoz : Igitabo cya Yozuwe  
Kol : Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye  
Abanyakolosi  
Lev : Igitabo cy'Abalevi  
Lk : Ivanjili yanditswe na Luka  
Mal : Igitabo cy'Umuhanuzi Malakiya  
Mik : Igitabo cy'Umuhanuzi Mika  
Mk : Ivanjili yanditswe na Mariko  
Mt : Ivanjili yanditswe na Matayo  
Mubw : Igitabo cy'Umubwiriza  
Nah : Igitabo cy'Umuhanuzi Nahumu  
Neh : Igitabo cy'Umuhanuzi Nehemiya  
Obd : Igitabo cy'Umuhanuzi Obadiya  
Rom : Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Abanyaroma  
Ruta : Igitabo cya Ruta  
Sir : Igitabo cya Mwene Siraki  
Sof : Igitabo cy'Umuhanuzi Sofoniya  
Tito : Ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa  
yandikiye Tito  
Tobi : Igitabo cya Tobi  
Yak : Ibaruwa ya Yakobo  
Ydt : Igitabo cya Yudita  
Yer : Igitabo cy'Umuhanuzi Yeremiya  
Yh : Ivanjili yanditswe na Yohani  
Yobu : Igitabo cya Yobu  
Yon : Igitabo cy'Umuhanuzi Yonasi

Yow : Igitabo cy'Umuhanuzi Yoweli  
Yuda : Ibaruwa ya Yuda  
Zab : Igitabo cya Zaburi  
Zak : Igitabo cy'Umuhanuzi Zakariya

## **B. IZINDI MPINE**

Ab : Umukuru w'Abihayimana  
Abat. : Abatagatifu  
B.M : Bikira Mariya  
BVR : Breviyari  
Dr. : Dogiteri (ikirangirire mu nyigisho za Kiliziya)  
D. : Umudiyakoni  
E. : Umwepiskopi  
Ep. : Epifaniya (Ukwigaragaza kwa Nyagasani)  
Indir. : Indirimbo yo kuzirikana  
Inter. Adv. : Interuro ya Adiventi  
Inter. Asens. : Interuro ya Asensiyo  
Inter. B.M : Interuro ya Bikira Mariya  
Inter. Ubub. : Interuro y'Ububabare  
Inter. Ep. : Interuro y'Ukwigaragaza kwa Nyagasani  
Inter.Mr : Interuro y'abahowe Imana  
Inter.N : Interuro ya Noheli  
Inter. Nt. : Interuro y'Intumwa  
Inter. Pas. : Interuro ya Pasika  
Inter. Sib. : Interuro y'Igisibo  
Inter. Ukar. : Interuro y'Ukaristiya  
Inter. : Interuro  
Inter.Icyu. : Interuro y'icyumweru  
Inter.Yih. : Interuro yihariye/y'umunsi

Inter.Yika	: Interuro y'Abamalayika
Inyik.	: Inyikirizo
Iv.	: Umwanditsi w'ivanjili
Mr	: Umumaritiri (uwahowe Imana) (M)
Mw.	: Umumonaki
N	: Noheli
Nt.	: Intumwa
P.	: Papa
S.	: Umusaserdoti
Umut. (Mut.)	: Umutagatifu (Mutagatifu)
Umus.	: Umubyizi usanzwe
Uwiyeg.	: Uwiyeguriyimana

## **IGIHE CYA ADIVENTI**

1. Kuva ku cyumweru cya mbere cya Adventi, hazifashishwa igitabo cy'amasomo ya Misa yo ku cyumweru cy'umwaka A.
2. Kugera ku itariki ya 16 ukubozza n'uwo muni urimo, ukuyemo iminsi mikuru isanzwe n'ikomeye, hashobora gusomwa :
  - Misa yo ku mubyizi: buri muni uteganyirijwe Misa yihariye;
  - Misa yo guhimbaza umutagatifu utegetswe cyangwa wibukwa ku bushake ;
  - Misa y'umutagatifu uteganyijwe mu gitabo cy'abatagatifu kuri uwo muni.

3. Kugera ku itariki ya 16 ukubozza n’uwo munsu urimo, misa zindi hashobora gusomwa, misa z’ibyifuzo bitandukanye, ni ukuvuga misa z’ubuyoboze cyangwa misa za buri munsu zo gusabira abapfuye, keretse bibaye ngombwa cyane cyangwa bifite akamaro ku ikenurabushyo (Imigenere rusange y’igitabo cya Misa ya Kiliziya ya Roma).
4. Gusabira Penetensiya hamwe bishobora kugirira abakristu akamaro kanini cyane, mu gihe cya Adiventi, by’umwihariko mu cyumweru kibanziriza Noheli.
5. Ni ngombwa gushishikariza za Paruwasi kugira umuco wo gukoresha ikamba rya Adiventi nk’ikimenyetso cyo gutegereza no kwitegura Noheli. Gucana itara ry’inyongera buri cyumweru byerekana ko Kristu, Rumuri rw’amahanga ari hafi kuza. Abayobozi b’imbaga bagomba kwibutsa abakristu ko ikamba rya Adiventi ryaturutse mu rugo, bityo ko uwo muhango wabagirira akamaro ukorewe mu ngo iwabo.

## UKWEZI KW'UGUSHYINGO

- 30. Ku Cyumweru –Isine– icya 1 cya Adiventi,  
Indangakwemera, Inter. Adv. I. (Ntiduhimbaza  
Mutagatifu Andereya) – Mu karere k'ibiyaga bigari:  
Amasengesho yo gusaba amahoro<sup>7</sup>  
Isomo rya 1: Iz 2, 1-5; Zab 122(121), 3 -4abcd, 6-9  
Isomo rya 2: Rom 13, 11 -14a  
Ivanjili: Mt 24, 37-44**

---

<sup>7</sup> Umunsi wo gusabira amahoro akarere k'ibiyaga bigari, umunsi wo gutekereza ku mbabazi, ubumwe n'amahoro nk'uko Inama y'Abepiskopi ba ACEAC yabereye i Kigali kuva ku ya 13 kugeza ku ya 18/5/2002 yabyemeje.

## **UKWEZI K’UKUBOZA**

**1. Ku wa 1 -Isine- Umus. II**

Isomo: Iz 4, 2-6; Zab 122(121), 1-9

Ivanjili : Mt 8, 5-11

**2. Ku wa 2 -Isine- Umus. III**

Isomo : Iz 11, 1 -10; Zab 72(71), 2.7 -8.12 -13.17

Ivanjili : Lk 10, 21 -24

**3. Ku wa 3 – Umweru- Mut. Fransisko Saveri, S.,  
urizihizwa**

Isomo: Iz 25, 6 -10a; Zab 23 (22), 1-6

Ivanjili : Mt 15, 29 -37

**4. Ku wa 4 – Isine – Umus. V (Cyangwa Umweru, Mut.  
Yohani Damaseni)**

Isomo: Iz 26, 1 -6; Zab 118(117), 1.8, 19 -20, 21.25,26

Ivanjili : Mt 7, 21.24 -27

**5. Ku wa 5 -Isine- Umus. VI**

Isomo : Iz 29, 17 -24; Zab 27(26), 1, 4abcd, 13 -14

Ivanjili : Mt 9, 27 -31

**6. Ku wa 6 – Isine- (cg Umweru – Mut. Nikola)**

Isomo : Iz 30, 19 -21.23 -26; Zab 147 (146), 1 -6

Ivanjili : Mt 9, 35 – 10, 1.5a.6 - 8

**Gusozza Imihimbazo ya Yubile z’impurirane za 2025**

**Amasengesho yo ku mugoroba wa mbere w’icyumweru.**

- 7. Ku Cyumweru – Isine– Icy a 2 cya Adventi,  
Indangakwemera, Inter.Av. I.  
Isomo rya 1: Iz 11, 1-10 ;  
Zab 72(71), 1-2, 7-8, 12-13, 17;  
Isomo rya 2: Rom 15, 4-9  
Ivanjili : Mt 3, 1-12  
Amasengesho yo ku mugoroba wa  
kabiri w'icyumweru.**
- 8. Ku wa 1 –Umweru –Bikira Mariya Utarasamanywe  
icyaha, Umunsi mukuru ukomeye, Imana nisingizwe mu  
ijuru, Indangakwemera, Interuro yihariye  
Isomo rya 1 : Intg 3,9-15.20 ; Zab 98 (97), 1-4  
Isomo rya 2: Ef 1,3-6.11-12  
Ivanjili: Lk 1, 26-38**
- 9. Ku wa 2 -Isine- Umus. III (Cg Umweru – Mut. Juan  
Diego Cuauhtlatoatzin)  
Isomo: Iz 40, 1-11; Zab 96(95), 1-2a.3a.10 -13ab  
Ivanjili : Mt 18, 12-24**
- 10. Ku wa 3 -Isine- Umus. IV (Cg Umweru-Bikira Mariya  
wa Lorete)  
Isomo : Iz 40, 25-31 ; Zab 103 (102), 1-4, 8.10  
Ivanjili : Mt 11, 28-30**
- 11. Ku wa 4 –Isine –Umus.V (Cg Umweru- Mut.Damase I)  
Isomo : Iz 41, 13-20 ; Zab 145 (144), 1.9, 10 -13ab  
Ivanjili : Mt 11, 11-15**

12. Ku wa 5 -Isine- Umus. VI (*Cg Umweru – Bikira Mariya wa Guadaloupe*)  
Isomo : Iz 48, 17 -19; Zab 1, 1 - 4.6  
Ivanjili: Mt 11, 16 -19
13. **Ku wa 6 – Umutuku- Mut. Lusiya, Isugi n’Uwahowe Imana, urizihizwa**  
Isomo: Sir 48, 1-4.9 -11;  
Zab 80(79), 2ac.3bc,15-16.a,18-19  
Ivanjili: Mt 17, 10 -13  
**Amasengesho y’umugoroba wa mbere w’Icyumweru BVR III**
14. **Ku Cyumweru – Isine cg Iroza- Icy a 3 cya Adiventi (Nimwishime), Indangakwemera, Inter.Adv. I**  
**Isomo rya 1 : Iz 35, 1 -6a.10; Zab 146 (145), 7- 10a**  
**Isomo rya 2 : Yak 5, 7 -10**  
**Ivanjili : Mt 11, 2 -11**
15. Ku wa 1 – Isine- Umus. II  
Isomo : Ibar 24, 2 -7.15 -17a ; Zab 25(24), 4– 9  
Ivanjili : Mt 21, 23 -27
16. Ku wa 2 -Isine- Umus. III  
Isomo : Sof 3, 1 -2.9 -13;  
Zab 34(33), 2 -3, 6 -7, 16.18, 19.23  
Ivanjili : Mt 21, 28-32
17. Ku wa 3 – Isine- Umus. IV, Inter.Adv II  
Isomo: Intg 49, 1-2.8-10; Zab 72(71), 1-4, 7-8, 17  
Ivanjili: Mt 1, 1 -17
18. Ku wa 4 –Isine – Umus. V, Inter. Adv. II  
Isomo : Yer 23, 5-8; Zab 72 (71), 1-2, 12-13, 18-19  
Ivanjili : Mt 1, 18-24

19. Ku wa 5 – Isine- Umus. VI, Inter. Adv. II  
Isomo : Abac 13, 2-7.24-25a ;  
Zab 71(70), 1- 3, 5a.6, 16-17  
Ivanjili : Lk 1, 5-25
20. Ku wa 6 -Isine- Inter. Adv II  
Isomo: Iz 7, 10-16; Zab 24(23), 1-6  
Ivanjili : Lk 1, 26-38  
**Amasengesho ya mbere y'Icyumweru, BVR IV**
21. **Ku Cyumweru – Isine- Icy a 4 cya Adventi,  
Indangakwemera, Inter. Adv II**  
**Isomo rya 1 : Iz 7, 10-16 ; Zab 24 (23), 1-6**  
**Isomo rya 2: Rom 1, 1-7**  
**Ivanjili : Mt 1, 18-24**
22. Ku wa 1 – Isine- Umus. II, Inter. Adv II  
Isomo : 1 Sam 1, 24-28 ; Indir : 1 Sam 2,1, 4- 8abcd  
Ivanjili : Lk 1, 46-56
23. Ku wa 2 – Isine- Umus. III, Inter. Adv II (Mut.  
Yohaniwa Kenti)  
Isomo : Mal 3, 1-4.23-24;  
Zab 25(24), 4-5ab, 8-9, 10.14  
Ivanjili : Lk 1, 57-66
24. Ku wa 3 – Isine- Umus. IV. Inter. Adv II (Misa ya  
mugitondo)  
Isomo: 2 Sam 7, 1 -5.8b -12.14a.16,  
Zab 89 (88), 2-5, 27.29  
Ivanjili : Lk 1, 67 -79

**IGIHE CYA NOHELI**

(Guhera ku mugoroba wo ku wa **24 Kugeza ku muni mukuru wa Batisimu ya Nyagasani**)

**25. Ku wa 4 – Umweru- Ivuka rya Nyagasani, Umuni mukuru ukomeye, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera, Inter.N, Ibango rikoreshwa mu minsi umunani ya Noheli.**

*Misa y'umugoroba ubanziriza Noheli*

(hashobora no gukoreshwa igitaramo cy'amasengesho ategura Noheli)

**Isomo 1 : Iz 62,1-5 ; Zab 89 (88), 20ab.21,27-30**

**Isomo 2 : Int 13, 16-17.22-25 ;**

**Ivanjili : Mt 1,1-25 cg Mt 1, 18-25**

**Amasengo y'umugoroba wa mbere  
w'lvuka rya Nyagasani**

**Hashobora kuba Misa eshatu ku buryo butandukanye: mu gicuku, mu rukerera, ku manywa. Abakristu bagiye mu misa yo mu gicuku bashobora kujya muri imwe mu zindi.**

**1) Misa yo mu gicuku :**

**Isomo rya 1: Iz 9, 1-6;**

**Zab 96(95), 1-2a, 2b-3, 11-12a, 12b-13a.c;**

**Isomo rya 2: Tito 2, 11-14;**

**Ivanjili: Lk 2, 1-14.**

**2) Misa yo mu rukerera :**

**Isomo rya 1: Iz 62, 11-12; Zab 97(96), 1.6, 11-12 ;**

**Isomo rya 2: Tito 3, 4-7;**

**Ivanjili: Lk 2, 15-20.**

**3) Misa yo ku manywa**

**Isomo rya 1: Iz 52, 7-10;**

**Zab 98(97), 1, 2-3ab, 3cd-4, 5-6;**

**Isomo rya 2: Heb 1, 1-6;**

**Ivanjili: Yh 1, 1-18.**

**Amasengesho yo ku mugoroba wa kabiri wa Noheli.**

**26. Ku wa 5 – Umutuku – Mut.Sitefano, uwa mbere wahowe Imana, Umunsi Mukuru, Imana nisingizwe mu ijuru, Inter.N**

**Isomo: Int 6, 8-10 ; 7, 54-60;**

**Zab 31 (30), 3bc-4b, 6.8a.9b, 17.20cd**

**Ivanjili : Mt 10, 17-22**

**27. Ku wa 6– Umweru – Mut.Yohani, Nt.,Iv, Umunsi mukuru, Imana nisingizwe mu ijuru, Inter.N, Amabango yihariye**

**Isomo: 1 Yh 1, 1-4; Zab 97 (96), 1-2, 5-6, 11-12**

**Ivanjili : Yh 20, 2-8 Amasengesho yihariye**

**Amasengesho y’umugoroba ushyira umunsi mukuru w’Umuryango mutagatifu**

**28. Ku Cyumweru – Umweru– UMURYANGO MUTAGATIFU WA YEZU-MARIYA na YOZEFU, Umunsi mukuru, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera, Guhitamo imwe mu nteruro eshatu za Noheli, Umunsi w’Umuryango ku rwego rw’igihugu**

**<sup>8</sup>(Ntihahimbazwa umunsi mukuru w’abana b’i Betelehemu)**

---

<sup>8</sup> Inama y’Abepiskopi yateranye kuva tariki ya 28 Gashyantare Kugeza tariki ya 3 Werurwe 2012 yemeje ko umunsi w’umuryango ku rwego rw’igihugu wajya uhimbazwa ku munsi w’urugo rutagatifu rw’i Nazareti.

**Isomo rya 1 : Sir 3, 2-6.12-14; Zab 128 (127), 1-5**

**Isomo rya 2: Kol 3, 12-21**

**Ivanjili : Mt 2, 13-15.19-23 Amasengesho yihariye**

**29. Ku wa 1 – Umweru – Iminsi 8 ya Noheli, Imana nisingizwe mu Ijuru, Inter.N**

(Mut. Tomasi Beke)

Isomo : 1Yh 2, 3 -11; Zab 96 (95), 1-6

Ivanjili : Lk 2, 22 -35

**30. Ku wa 2 – Umweru- Iminsi 8 ya Noheli, Imana nisingizwe mu Ijuru, Inter.N**

Isomo : 1 Yh 2, 12 -17 ; Zab 96 (95), 7-10

Ivanjili : Lk 2, 36-40

**31. Ku wa 3 – Umweru- Iminsi 8 ya Noheli, Imana nisingizwe mu Ijuru, Inter.N (Cg Umweru – Mut. Silivestri I)**

Isomo: 1 Yh 2, 18-21; Zab 96 (95), 1-2a, 11-13ab

Ivanjili : Yh 1, 1-18

## **UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2026**

**Amasengesho y’umugoroba ushyira umunsi mukuru wa Bikira Mariya Nyina w’Imana.**

## UKWEZI KWA MUTARAMA

- 1. Ku wa 4– Umweru-MARIYA MUTAGATIFU, UMUBYEYI W’IMANA –Umunsi mukuru ukomeye– Imana nisingizwe mu ijuru; Indangakwemera<sup>9</sup> ; Inter. B.M n°1; Amabango yihariye. Isengesho rikuru Ukar. n.4 rirabujijwe; Umunsi mpuzamahanga w’amahoro<sup>10</sup>; Isomo rya 1: Ibar 6,22-27; Zab 67(66), 2-3, 5,6.8; Isomo rya 2: Gal 4,4-7; Ivanjili: Lk 2,16-21**
- 2. Ku wa 5 - Umweru – Mut. Bazili, Ikirangirire na Mut.Gerigori wa Naziyanze, urizihizwa**  
Isomo : 1 Yh 2, 22-28 ; Zab 98(97), 1-4  
Ivanjili : Yh 1, 19-28
- 3. Ku wa 6 –Umweru– (cg Izina ritagatifu rya Yezu<sup>11</sup>)**  
Inter. N. cyangwa Inter. Ep.

---

<sup>9</sup> Mu bindi bihe bisigaye by’umwaka, Imana nisingizwe mu ijuru kimwe n’Indangakwemera bitegetswe gusa aho byagenwe kuri Gahunda ya Liturujija.

Misa isomerwa uwitabye Imana mu gihe cyo gushyingura ishobora gusomwa mu minsi yose y’umwaka, keretse ku minsi mikuru, ibyumweru by’Adiventi, igisibo n’igihe cya Pasika (PGMR, n. 336), ndetse no ku minsi nyabutatu ibanziriza Pasika. Ku cyumweru, igihe byemewe, misa y’abitabye Imana ntizakuraho misa y’icyumweru

<sup>10</sup> Iyo habaye ibirori bidsanzwe by’amahoro, Umwepiskopi w’aho byabereye ashobora kwemera ko habaho Misa y’amahoro ijyanye n’insanganyamatsiko itangwa buri mwaka n’Icyicaró Gikuru cya Kiliziya ku isi. Nta yindi misa yemewe habe na misa yo gushyingura.

<sup>11</sup>Igihe batagaragaje igipimo cy’umuhimbazo, aba ari umunsi mukuru ushobora guhimbazwa cyangwa ntuhimbazwe.

Isomo: 1 Yh 2, 29 –3, 6 ; Zab 97 (98), 1, 3cd-6

Ivanjili : Yh 1, 29-34

**Amasengesho yo ku mugoroba ushyira umunsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani BVR II**

**4. Ku Cyumweru –Umweru-UKWIGARAGAZA**

**KWA NYAGASANI<sup>12</sup>, Umunsi mukuru**

**ukomeye, Imana nisingizwe mu ijuru,**

**Indangakwemera, Inter.Yih, Amabango**

**yihariye-**

***Umunsi mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa ry'abana***

**Isomo rya 1: Iz 60, 1-6;**

**Zab 72 (71), 1-2, 7-8, 10-13**

**Isomo rya 2 : Ef 3, 2-3a.5-6**

**Ivanjili : Mt 2, 1-12      Ituro rya OPM**

**5. Ku wa 1 – Umweru-Umus II**

Isomo : 1 Yh 3, 22 – 4, 6 ; Zab 2, 7bc-8, 10-11

Ivanjili : Mt 4, 12-17.23-25

**6. Ku wa 2 -Umweru- Umus III**

Isomo : 1 Yh 4, 7-10 ; Zab 72 (71), 1-4, 7-8

Ivanjili : Mk 6, 34-44

---

<sup>12</sup>Mu Bufaransa no mu bihugu bivuga Igifaransa hafi ya byose, umunsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani wizihizwa ku cyumweru hagati y'itariki ya 2 n'ya 8 Mutarama (reba. Normes universelles, n° 7).

7. Ku wa 3 - Umweru– Umus. III – Inter.N cg Inter.  
Ep (Cg Mut. *Rayimondi wa Penyaafort*)  
Isomo : 1 Yh 4, 11-18 ; Zab 72 (71), 1-2, 10 -13  
Ivanjili : Mk 6, 45-52
8. Ku wa 4 - Umweru – Umus V, Inter. N cg Inter Ep  
Isomo : 1 Yh 4, 19 – 5, 4 ;  
Zab 72(71), 1-2, 14-15bc, 17  
Ivanjili : Lk 4, 14-22a
9. Ku wa 5 -Umweru- Umus VI  
Isomo : 1 Yh 5, 5-13 ; Zab 147B (147),12-15,19-20  
Ivanjili: Lk 5, 12-16
10. Ku wa 6 – Umweru-  
Isomo : 1 Yh 5, 14-21 ; Zab 149, 1-6a.9b  
Ivanjili : Yh 3, 22-30

**Amasengesho yo ku mugoroba ushyira  
umunsi mukuru wa Batisimu ya Nyagasani**

- 11. Ku cyumweru–Umweru–BATISIMU YA  
NYAGASANI<sup>13</sup>, Umunsi mukuru, Imana  
nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera,  
Inter.Yih.  
Isomo rya1 : Iz 42, 1-4.6-7; Zab 29 (28), 1-4.9c.10  
Isomo rya 2: Intu 10, 34-38**

---

<sup>13</sup> Igihe cya Noheli kirangira ku munsi mukuru wa Batisimu ya Nyagasani, ku mugoroba wa Batisimu ya Nyagasani bakuraho ikirugu, bagatangira igihe gisanzwe cya Liturujija bahereye ku cyumweru cya mbere.

**Ivanjili : Mt 3, 13-17**

**Ku mibyizi: Igihe gisanzwe, Icyumweru cya I<sup>14</sup>  
BVR I**

**12.** Ku wa 1 -Icyatsi- Umus II

Isomo : 1 Sam 1, 1-8 ; Zab 116B(115), 14-19

Ivanjili : Mk 1, 14-20

**13.** Ku wa 2 – Icyatsi- Umus. III (Cg Umweru- Mut.  
Hilari);

Isomo: 1Sam 1, 9-20; Indir.: 1 Sam 2, 1, 4- 8abcd

Ivanjili: Mk 1, 21-28

**14.** Ku wa 3 -Icyatsi- Umus. IV

Isomo: 1Sam 3, 1-10.19-20;

Zab 40 (39), 2abc, 5ab, 7-10

Ivanjili: Mk 1, 29-39

**15.** Ku wa 4 – Icyatsi- Umus V

Isomo: 1 Sam 4, 1b -11;

Zab 44 (43), 10 -11, 14 -15, 24 -25

Ivanjili: Mk 1, 40 -45

**16.** Ku wa 5 – Icyatsi- Umus VI

Isomo: 1 Sam 8, 4 -7.10 -22a; Zab 89 (88), 16 -19

Ivanjili : Mk 2, 1 -12

---

<sup>14</sup> Aha ni ho igihe gisanzwe gitangirira, bafata amasomo yo mu myaka y'imbangikane.

**17. Ku wa 6 - Umweru - Mut. Antoni, S,  
Urizihizwa**

Isomo: 1 Sam 9, 1-4.10c.17-19; 10, 1;

Zab 21 (20), 2-7

Ivanjili: Mk 2, 13 -17

**Amasengesho yo ku mugoroba wa  
mbere w'icyumweru BVR II**

**18. Ku Cyumweru – Icyatsi – Icy a 2 Gisanzwe, Imana  
nisingizwe mu ijuru- Indangakwemera- Inter.Icyu;  
Intangiriro y'icyumweru cyo gusabira ubumwe  
bw'abakristu<sup>15</sup>**

**Isomo rya 1: Iz 49, 3.5- 6 ;**

**Zab40 (39), 2abc.4ab, 7 -9, 10cd.11cd ;**

**Isomo rya 2: 1 Kor 1, 1 - 3**

**Ivanjili : Yh 1, 29-34**

**19. Ku wa 1 – Icyatsi- Umus II**

Isomo: 1 Sam 15, 16-23;

Zab 50(49), 7ac -8, 16bc -17, 21, 23

Ivanjili : Mk 2, 18 -22

**20. Ku wa 2 – Icyatsi- Umus III (Cg Umutuku - *Mut.  
Fabiyani, na Mut.Sebasitiriyani*);**

Isomo : 1 Sam 16, 1-13; Zab 89(88), 20-22, 27-28

Ivanjili : Mk 2, 23 -28

---

<sup>15</sup> Muri icyo cyumweru cyo kuva ku ya 18 kugeza ku ya 25 Gashyantare, hashobora gukoreshwa Misa yo gusaba ubumwe bw'abakristu.

**21. Kuwa 3 – Umutuku – Mut.Anyesi, Isugi, Mr – Urizihizwa.**

Isomo: 1 Sam 17, 32 -33.37.40-51;

Zab 144 (143), 1,2, 9-10

Ivanjili : Mk 3, 1-6

**22. Ku wa 4 – Icyatsi- Umus V (cg Umutuku- Mut. Visenti Pallotti)**

Isomo: 1 Sam 18, 6 - 9; 19, 1 - 7;

Zab 56 (55), 2 -3, 9ab -10, 11a.12, 13 -17ab

Ivanjili : Mk 3, 7 -12

**23. Ku wa 5 – Icyatsi- Umus VI**

Isomo : 1 Sam 24, 3 -21; Zab 57(56), 2-4ac, 6.11

Ivanjili: Mk 3, 13 -19

**24. Ku wa 6 – Umweru - Mut. Fransisko wa Salezi, E, Dr – Urizihizwa.**

Isomo: 2 Sam 1, 1-4.11-12.19.23-27;

Zab 80 (79), 2-3,5- 7

Ivanjili : Mk 3, 20 -21

**Amasengesho y’umugoroba wa mbere  
w’icyumweru BVR III**

**25. Ku Cyumweru – Icyatsi – Icy 3 Gisanzwe, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera, Inter.Icyu- (Ntihakimbazwa Umunsi mukuru w’ihinduka rya Pawulo) Icyumweru cy’ijambo ry’Imana.**

Ituro rigenewe urubyiruko rizatangwa ku munsi mukuru wa Kristu-Mwami.

**Isomo rya 1: Iz 8, 23b–9, 3 ;**

**Zab 27(26), 1, 4abcd, 13-14, 1**

**Isomo rya 2:Kol 1, 10-13.17**

**Ivanjili : Mt 4, 12-23 (Irigufi: Mt4, 12-17)**

**Gusoba icyumweru cy’amasengesho yo  
gusaba ubumwe bw’abemera Kristu.**

**26. Ku wa 1 - Umweru- Abat.Timote na Tito ,E,**

**Urizihizwa**

Isomo: 2 Tim 1, 1-8 cg Tito 1, 1-5;

Zab 89(88), 20-22, 25-26

Ivanjili: Mk 3, 22-30

**27. Ku wa 2 –Umutuku– Mut. Yohani Mariya**

**Muzeyi (Rwanda), Mr,Urizihizwa (Cg**

Umweru- Mutagatifu Angela Merici)

Isomo : 2 Sam 6, 12b-15.17-19 ; Zab 24(23), 7-10

Ivanjili: Mk 3, 31-35

**28. Ku wa 3 – Umweru- Mut. Tomasi wa Akwini, S,**

**Dr,Urizihizwa**

Isomo: 2 Sam 7, 4-17 ; Zab 89 (88), 4-5, 27-30

Ivanjili: Mk 4, 1-20

**29. Ku wa 4 -Icyatsi- Umus V**

Isomo : 2 Sam 7, 18-19.24-29;

Zab 132 (131), 1-4a.5,11-14

Ivanjili: Mk 4, 21-25

**30. Ku wa 5 -Icyatsi- Umus VI**

Isomo : 2 Sam 11, 1-4a.5-10a.13-17 ;

Zab 51 (50), 3-7,10-11

Ivanjili : Mk 4, 26-34

**31. Ku wa 6 –Umweru - Mut. Yohani Bosiko, S,  
Urizihizwa.-**

Isomo : 2 Sam 12, 1-7a.10-17 ; Zab 51(50), 12-17

Ivanjili : Mk 4, 35-41

**Amasengesho yo ku mugoroba wa mbere w' icyumweru  
BVR IV**

## UKWEZI KWA GASHYANTARE

1. **Ku Cyumweru –Icyatsi- Icy a 4 Gisanzwe, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera, Inter.Icyu- Isomo rya 1: Sof 2, 3 ; 3, 12-13; Zab 146(145), 7-10b ; Isomo rya 2:1 Kor 1, 26-31 Ivanjili : Mt 5, 1-12a**

2. **Ku wa 1 – Umweru- YEZU ATURWA IMANA MU NGORO NTAGATIFU – Umunsi mukuru- Imana nisingizwe mu ijuru, Inter.yih. Amabango yihariye– Isomo : Mal 3, 1-4 cg Heb 2, 14-18 ; Zab 24 (23), 7 - 10 Ivanjili : Lk 2, 22-40 (Irigufi : 22-32)**

*Umunsi mpuzamahanga w'Abiyeguriyimana. « Shandeleri » ni umunsi mukuru wa Kristu "Rumuri rw'amahanga" (Lk 2,32), watangiriye i Yeruzalemu mu mwaka wa 386, wemejwe i Roma mu kinyejana cya 7. Umunsi duhuriyeho na za kiliziya z'Iburasirazuba, ziwita umunsi mukuru w'Ikoraniro cyangwa kwinjira k'Umwami wacu mu Ngoro.*

**Umutambagiro:** Guha umugisha amatara n'umutambagiro w'abakristu bose bafite amatara yaka. Nyuma misa irakomeza hakarimbwa Imana nisingizwe mu ijuru ariko tubabarire ntikoreshwe.

*Cyangwa* Misa ikaba yatangirana n'umutambagiro w'umunsi mukuru.

## GASHYANTARE 2026

---

3. Ku wa 2 –Icyatsi- Umus III (Cg umutuku - *Mut. Blaise cyangwa Umweru- Mut. Anshaire*)  
Isomo: 2 Sam 18, 9-10.14b.24-25a.30 – 19, 4;  
Zab 86(85), 1-6  
Ivanjili : Mk 5, 21-43
4. Ku wa 3-Icyatsi- Umus VI, (Cg umutuku- Mut Selerina na bagenzi be, Mr)  
Isomo : 2 Sam 24, 2.9-17; Zab 32 (31), 1-2, 5-7  
Ivanjili : Mk 6, 1-6
5. **Ku wa 4 –Umutuku – Mut.Agata, Isugi,Uwah, Urizihizwa.**  
Isomo: 1 Bami 2, 1-4.10-12;  
Indir : 1 Matek 29, 10 - 12bcd  
Ivanjili : Mk 6, 7-13
6. **Ku wa 5 - Umutuku– Mut.Pawulo Miki na bagenzi be, Mr, Urizihizwa.**  
Isomo. : Sir 47, 2-11;  
Zab 17 (18), 31.33a, 47-50,32a.51  
Ivanjili: Mk 6, 14-29
7. Ku wa 6 -Icyatsi- (Cg Umweru- Bikira Mariya)  
Isomo: 1 Bami 3, 4-13; Zab 119 (118), 9 -14  
Ivanjili : Mk 6, 30-34

**Amasengesho y’umugoroba wa mbere w’  
Icyumweru BVR I**

- 8. Ku Cyumweru–Icyatsi – Icy a 5 Gsanze, Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera, Inter.Icyu (Ntiduhimbaza Abat. Yeronimo Emiliyani na Yozefina Bakhita, Isugi)**  
**Isomo rya 1: Iz 58, 7-10 ; Zab 112 (111), 4 -9 ;**  
**Isomo rya 2: 1 Kor 2, 1 - 5**  
**Ivanjili : Mt 5, 13 -16**

**Umunsi mpuzamahanga w’abarwayi<sup>16</sup>**

- 9. Ku wa 1 –Icyatsi - Umus II**  
Isomo : 1 Bami 8, 1-7.9 -13;  
Zab 132 (131), 1a.2b.4a.5a, 6-7, 9-10  
Ivanjili : Mk 6, 53 -56

***Intangiriro y’icyumweru cy’umuryango***

- 10. Ku wa 2 –Umweru- Mut.Sikolastika, Isugi, Urizihizwa.**  
Isomo : 1 Bami 8, 22 -23.27 -30 ;  
Zab 84 (83), 3 - 11abcd  
Ivanjili : Mk 7, 1 -13
- 11. Ku wa 3 – Icyatsi- Umus IV (cg Umweru Bikira Mariya w’i Lurude)**  
Isomo : 1 Bami 10, 1 -10;

---

<sup>16</sup> Umunsi mpuzamahanga wo gusabira abarwayi uba ku wa 11 Gashyantare buri mwaka. Kugira ngo ugende neza, Inama y’Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, mu nama yayo yo muri nzeri 1992, yashyize uwo munsi ku cyumweru cyegereye iyo tariki. Muri uyu mwaka uwo munsi uzaba tariki ya 08 Gashyantare.

Zab 37(36), 5-6, 30 -31, 39-40ac  
Ivanjili : Mk 7, 14 -23

12. Ku wa 4 -Icyatsi- Mus V  
Isomo: 1 Bami 11, 4 -13;  
Zab 106 (105), 3-4ab, 6.35-37, 39 -40  
Ivanjili: Mk 7, 24 -30

13. Ku wa 5 -Icyatsi- Umus VI  
Isomo: 1 Bami 11, 29 -32 ; 12 -19;  
Zab 81 (80), 10 -15  
Ivanjili : Mk 7, 31 -37

14. **Ku wa 6 - Umweru – Abat. Sirilo**  
**n’umuvandimwe we Metodi, Urizihizwa**  
Isomo : 1 Bami 12,26-32; 13,33-34;  
Zab 106 (105),6-7ab,19-22  
Ivanjili : Mk 8, 1-10  
**Amasengesho y’umugoroba wa**  
**mbere w’ icyumweru BVR II**

15. **Ku cyumweru –Icyatsi- Icy a 6 Gisanzwe,**  
**Imana nisingizwe mu ijuru, Indangakwemera,**  
**Inter.Icyu.**  
Isomo rya 1: Sir 15, 15-20;  
Zab 119 (118),1-2,4-5,17-18,33-34  
Isomo rya 2 : 1 Kor 2, 6-10  
Ivanjili : Mt 5, 17-37

(Cg irigufi: Mt5, 20-22a.27-28.33-34a.37)

*Gusoza Icyumweru cy’umuryango*  
*Ituro rigenewe kwita ku muryango*

**16. Ku wa 1 -Icyatsi- Umus III**

Isomo: Yak 1, 1-11;

Zab 119 (118), 67-68, 71-72, 75-76

Ivanjili: Mk 8, 11-13

**17. Ku wa 2 – Icyatsi- Umus. III (Cg Umweru -**

Abatagatifu barindwi bashinze umuryango *w’abaja  
ba Mariya*)

Isomo : Yak 1, 12-18 ; Zab 94 (93), 12-15, 18-19

Ivanjili : Mk 8, 14-21

### **IGIHE CY’IGISIBO**

Guhera mu kinyejana cya 4, Igisibo cyaranzwe n’ibyo tuzi ubu ari byo: gufasha abigishwa bitegura kubatizwa, guhimbaza Isakaramentu ry’Imbabazi, igihe cyo gusenga no gufashanya.

### **MISA**

